MINALOC

RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

AMABWIRIZA AGENGA IMIKORERE YA RESITORA, HOTELI, N'ANDI MACUMBI MURI IBI BIHE BYO KWIRINDA ICYOREZO CYA COVID-19

Dushingiye ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 26 Kanama 2020, n'iyo kuwa 10 Nzeri 2020; Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) n'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) bashyizeho amabwiriza y'inyongera akurikira:

1. Utubari twose, ndetse n'utwo muri Hoteli na Resitora turafunze;

2. Resitora harimo n'izo mu mahoteli n'andi macumbi yemewe zemerewe gutanga ibinyobwa bisembuye, ariko ku bantu bicaye gusa kandi baje gufata amafunguro;

3. Abakiliya bose bagomba kubahiriza intera ya metero imwe n'igice (1.5 m) hagati y'intebe n'indi, na metero ebyiri n'igice (2.5 m) hatagati y'ameza n'andi;

4. Abakira abantu bagomba kuba bambaye udupfukamunwa kandi neza;

5. Aho abantu binjirira hose, n'imbere mu nyubako hagomba gushyirwa uburyo buboneye bwo gukaraba cyangwa umuti usukura intoki;

6. Abakiliya batambaye udupfukamunwa n'abatwambaye nabi ntibemerewe kwakirwa;

7. Resitora, Hoteli n'andi macumbi bigomba gushyira ahantu hagaragara amatangazo yibutsa abantu ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19;

8. Gucuruza cyangwa kugura inzoga muri *supermarket/alimentation*, mu mangazini, na butiki biremewe. Icyakora kuzihanywera byo birabujijwe;

9. Inzego za Leta bireba n'Abacuruzi basabwe gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mabwiriza.

Bikorewe i Kigali, ku wa 16 Nzeri 2020

Digitally signed by MINALOC (MINISTER)
Date: 2020.09.16 11:11:23 +02'00'

Prof. SHYAKA Anastase
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

AKAMANZI Clare
Umuyobozi Mukuru/RDB

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) CEO